Bafatanyabikorwa,

Tunejejwe no kubagezaho gahunda y'ibikorwa by'ingenzi biteganyijwe mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda.

I. Sena

A. Inteko Rusange (3:00 pm)

Kugezwaho na gufata umwanzuro kuri raporo ya Komisiyo ya Politiki n'Imiyoborere ku gikorwa cyo gusesengura ingaruka ziterwa no kuba bamwe mu bayobozi mu nzego z'ibanze batemeza mu gihe giteganywa n'amategeko ibyemezo by'inama Njyanama.

B. Komisiyo Zihoraho (9:00 am)

1. Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano: Abasenateri bagize komisiyo batangiye igikorwa cyo kumenya uruhare rw'abaturage mu kwicungira umutekano:

- **Itsinda A:** Akarere ka Rubavu
- **Itsinda B:** Akarere ka Nyamagabe

II. Umutwe w'Abadepite

A. Inteko Rusange (3:00 pm)

- Kugezwaho raporo ya za Komisiyo Zihoraho zikurikira:

- Raporo ya Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo by'Igihugu ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inteko Rusange yo kuwa 18/05/2020, ubwo yagezwagaho raporo ya Komisiyo y'Ingengo y'Imari n'Umutungo by'Igihugu, ku ngendo yakoreye mu Turere twose, Intara n'Umujyi wa Kigali, kuva tariki ya 02 kugeza tariki ya 13 Werurwe 2020, mu rwego rwo gukurikirana igipimo cy'ikoreshwa ry'ingengo y'imari mu mezi atandatu ya mbere y'umwaka wa 2019/2020;

- Raporo ya Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore mu Iterambere ry'Igihugu ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inteko Rusange yo kuwa 13/02/2020, ubwo yasuzumaga raporo y'ingendo rusange z'Abadepite, bakoreye mu Turere twose tw'Igihugu, hagamijwe kureba iterambere ry'ibikorwa remezo by'imihanda, amazi, amashanyarazi, ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga no kugirana ibiganiro n'abaturage;

- Raporo ya Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore mu Iterambere ry'Igihugu ubwo yasuzumaga ikibazo cy'umuturage witwa UMUTONI Francine Naomi yagejeje ku Mutwe w'Abadepite.

Murakoze.

Maurice KABANDANA
Director of Outreach, Communication & Documentation
Parliament of Rwanda
Email: maurice.kabandana@parliament.gov.rw
Mob: +250 788433633